

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTEKO Y'UMUCO

AMARUSHANWA YO GUKORA IKIRANGO

CY'INTEKO Y'UMUCO (LOGO)

1. Intangiriro

Inteko y'Umuco ni Ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi cyashyizweho n'Iteka rya Perezida N° 082/01 ryo ku wa 28/08/2020, risohoka mu Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 04/09/2020. Iri teka rigena inshingano n'imiterere by'Inteko y'Umuco.

Intego y'Inteko y'Umuco ni ukubungabunga umurage w'Igihugu no kurinda ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'indangangaciro zawo nk'umusingi w'ubumwe n'agaciro by'Abanyawanda.

2. Intego

Amarushanwa y'abakora ubuhanzi mberajisho mu gukora ikirango cy'Inteko y'Umuco (logo), agamije gushishikariza abahanzi cyane cyane urubyiruko kurushaho kwitabira bene ubu buhanzi no guha agaciro ubuhanzi mberajisho bukoze n'Abanyarwanda, hagamijwe kubashyigikira no kubateza imbere. Aya marushanwa kandi agamije gutoranya igihangano kimwe kizahiga ibindi kizajya gikoreshwa nk'Ikirango cy'Inteko y'Umuco, kikazajya kiyiranga mu bikorwa byayo bitandukanye.

3. Imiterere y'amarushanwa

3.1. Uko amarushanwa azakorwa

Abarushanwa bose bazohereza ibihangano bitatu bitandukanye bizarushanwa (3samples). Ibi bihangano byose bigomba kuba bigaragaza intego y'Inteko y'Umuco maze hazatoranywemo umwe. 

3.2. *Igihangano gikenewe*

- ❖ Igihangano kigaragaza mu buryo bworoshye intego y' Inteko y'Umuco yo “kubungabunga umurage w'Igihugu no kurinda ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'indangaciro zawo nk'umusingi w'ubumwe n'agaciro by'Abanyawanda”.
- ❖ Igihangano cy'umwimerere
- ❖ Igihangano gikorewe kuri mudasobwa
- ❖ Igihangano giherekejwe n'inyandiko ngufi igisobanura

3.3. *Uko amanota azatangwa*

Ibihangano bizakosorwa ku manota 50 agabanyije mu buryo bukurikira:

- ❖ Ubwiza n'imiterere by'igihangano: amanota 15
- ❖ Umwimerere w'igihangano: amanota 5
- ❖ Uko igihangano kigaragaza intego y'Inteko y'Umuco: amanota 15
- ❖ Iyipimo fatizo (ingano, pixels): amanota 5
- ❖ Kuba gishobora gukoreshwa ahantu hatandukanye (ku mbuga, ku mpapuro, ku bikoresho, ...) amanota 10

4. **Abemerewe kurushanwa**

Aya marushanwa agenewe:

- ❖ Abantu ku giti cyabo cyangwa amatsinda y'abantu
- ❖ Kuba asanzwe akora ubuhanzi mberajisho bwifashisha ikoranabuhanga rya mudasobwa
- ❖ Kuba urushanwa afite nibura imyaka 18
- ❖ Kuba yumva neza umurage n'umuco by'u Rwanda

5. **Ibihembo:**

Hazahembwa umuntu umwe wa mbere maze ahembwe:

- ✚ Amafaranga y'u Rwanda **ibihumbi Magana inani** (800,000 frw)
- ✚ **Itike** yo gusura Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo Guhagarika jenoside
- ✚ **Itike** yo gusura Ingoro y'Ubugeni n'ubuhanzi

6. Ingegabihe y'amarushanwa

- Tariki ya 15 Mutarama 2022: Guhagarika kwakira ibihangano
- Tariki ya 30 Mutarama 2022: Gutangaza abatsinze

7. Akanama nkemurampaka

Akanama nkemurampaka kazaba kagizwe n'impuguke 5 zizaturuka mu:

- Inteko y'Umuco (2)
- Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco (1)
- Inama y'Igihugu y'Abahanzi (1)
- OGS (1)

8. Iyoherezwa ry'ibihangano

- Ibihangano bizoherezwa mu buryo b'Ikoranabuhanga kuri imeri (emails) zikurikira, bifite umutwe ugira uti "Amarushanwa yo gukora ikirango cy'Inteko y'Umuco":

info@museum.gov.rw

cc: info@ralc.gov.rw

cc: jmugwaneza@museum.gov.rw

- Ibihangano bigomba koherezwa mu bwoko 3 bw'inyandiko: JPG, PNG na animated
- Ibihangano bigomba kuba biherekejwe n'inyandiko ngufi iri muri pdf igaragaza ibisobanuro byabyo.
- Inteko y'Umuco ifite uburenganzira bwo gusaba uwatsinze kunoza ikirango cyatoranyijwe kugira ngo kirusheho kugaragaza intego yayo.
- Inteko y'Umuco izegukana uburenganzira ku mutungo mu by'ubwenge ku gihangano kizaba cyahize ibindi.

Bikorewe i Huye ku wa 15 Ukuboza 2021


Amb. Robert MASOZERA
INTEBE Y'INTEKO

